	Uburyo bwo gukusanya, gutunganya no gukwirakwiza amakuru kuri filiyeri y'imbuto mu Rwanda	Kode y'inyandiko: 41KR114I123v0
	IGICE CYA 4: UBUMENYI BW'IMIKORERE MU BYA TEKINIKI	Itariki yo kujyanisha inyandiko n'igihe UKUBOZA 2007
IFISHI IRANGA ITUBURA RY'IMBUTO ZIFITE ICYEMEZO : Ubunyobwa		Inyandiko ikomatanyije

Inkomoko y'inyandiko	Projet AFSR

Itariki inyandiko yasohokeyeho	Ukwakira 2007

Umubare w'amapagi	4

IFISHI IRANGA ITUBURA RY'IMBUTO ZIFITE ICYEMEZO *(semences certifiées)*

Ubunyobwa *(Arachis hypogea L.)*

Ubunyobwa HGN 17

1. AHO BUHINGWA

1.1. Akarere :

Mu turere twose tw'igihugu turi ku butumburuke buri munsi ya m 1700; cyane cyane mu turere twa Mayaga, Bugesera, mu bibaya by'iburasirazuba no m'umukenke w'iburasirazuba.



1.2. Ubutaka :

Ubutaka buseseka, bworoshye kandi buhitisha amazi. Ubusharire bwo hejuru buri hagati ya 6 na 6,4.

1.3. Umurima:

- Kuva bugiterwa, urangwa n'icyapa cyanditseho: izina ry'imbuto, itariki itereweho, icyiciro cyayo, ubuso bw'umurima, na nomero iranga umuhinzi n'umurima.
- **Intera iwutandukanya n'indi mirima**: m 5 hagati y'imirima irimo andi moko cyangwa ubwoko bumwe ariko butarobanuye.

2. UKO BUSIMBURANA N'IBINDI BIHINGWA

Buhingwa ahavuye ibindi bihingwa byabagawe, nk'ibigori n'amasaka.

3. IBIRANGA AMOKO ABONEKA MU RWANDA

UBWOKO	IBIRANGA SOYA			
	Ibara ry'intete	Igihe bwerera (iminsi)	Umusaruro (Toni kuri Hegitari)	Amavuta aboneka mo (%)
HNG 17	Umutuku	120	1,7	46,53
HNG 18	Umutuku	120	1,85	46,02

4. UBURYO BUHINGWA

4.1 Itera

- Hakoreshwa **imbuto shingiro** zo mu mufungo zabanje guterwamo uruvange rw'imiti yitwa Thiram (g 2 ku kiro), Benlate (g 1 ku kiro), cyane cyane ku rwego rwo kurwanya indwara y'imizi mu gihe cy'itera. Iyindi miti yica udukoko cyane iboneka mu Rwanda ni Super Homaï (g 5 ku kiro cy'imbuto) cyangwa Fernasan D (g 3 ku kiro cy'imbuto);
- Igihe cyo gutera : ku misozi iringaniye : mu minsi 15 ya mbere y'ukwezi kwa Nzeri, no mu ntangiriro z'ukwezi kwa Gashyantare, bitewe n'igihe imvura itangiriye kugwa; mu misozi migufi: mu minsi cumi n'itanu ya mbere y'Ukwakira no mu ntangiriro y'ukwezi kwa Werurwe.
- Igipimo cy'imbuto: Ibiro 120 kugeza ku biro 150 by'ubunyobwa butonoye kuri Hegitari 1.
- Umwanya hagati y'ibihingwa: cm 20 hagati y'imirongo na cm 10 m'umurongo hagakoreshwa urunyobwa rumwe mu mwobo, cyangwa cm 20 kuri 20, n'ubunyobwa bubiri mu mwobo.
- Ubujyakuzimu: nka cm 5.

4.2 Ifumbire no gutunganya umurima

- Kunyanyagiza ifumbire y'imborera ingana na toni 15 kugeza kuri 20 kuri ha imwe mu gihe cy'isanza.
- Bitewe n'uburumbuke n'imiterere y'ubutaka, kunyanyagiza ibiro 200 bya NPK 17-17-17 kuri hegitari mu gihe cy'isanza.

4.3 Kubagara no kuvanamo andi moko adakenewe

- Kuva mu itera kugeza bumeze, ubunyobwa bugomba kurindwa mu minsi 10 kugeza kuri 15 kugirango inuma n'ibyiyone bitaburya.
- Kumenera mu minsi 20 nyuma y'itera no kubagara hanyuma
- Gusukira mu minsi 40-45 nyuma y'itera, mu gihe ubunyobwa butangiye kurabya, kugira ngo imisogwe ikure neza mu butaka.
- **Kuvanamo andi moko** ni ngombwa cyane kugira ngo harwanywe ibihingwa bisa ukwabyo (hors-type) cyane ibihingwa byamaze gufatwa na virusi, bagiteri, n'izindi ndwara zikwirakwizwa n'imbuto.

4.4 Igenzurwa ry'umurima

- Igenzurwa rya mbere rikorwa ubunyobwa bukirabya kugira ngo hasuzumwe uko umurima watandukanyijwe n'iyindi, niba ibiranga ubwo bwoko bihari, no kugira ngo bamenye niba hari indwara zishobora gukwirakwizwa n'imbuto, nka serikosiporiyoze (agahumyo) no kubemba kw'ubunyobwa (rosette).
- Igenzurwa rya kabiri rikorwa igihe cy'isarura, imbuto zirimo gukomera kugira ngo bamenye neza niba ibiranga ubwo bwoko bihari, n'indwara zishobora gukwirakwizwa n'imbuto.
- Ingero ngederwaho ziteganywa : ubundi bwoko butarengeje 2% ; (ubunyobwa bw'ubundi bwoko, imvange, n'ubutemewe), na 2.0% z'ibihingwa birwaye.

4.5 Kurwanya indwara n'ibikoko byangiza

- Indwara y'uduhumyo yitwa Serikosiporiyoze irwanywa na Benlate: g 15 kuri litiro 15 z'amazi kuri hegitari (Kg 1,5 kuri hegitari), cyangwa se invange ya Dithane (ibiro 2 kuri hegitari) na Benlate (Kg 0,5 kuri hegitari) hagati y'ukwezi kumwe n'igice n'amezi abiri nyuma y'itera. Gutera umuti kabiri buri byumweru bibiri.
- Ubuhunduguru bukwirakwiza indwara yo kubemba k'ubunyobwa burwanywa no gutera kabiri umuti wa Diméthoate 40%EC : ml 15 kuri L 15 z'amazi kuri are imwe (L 1,5 kuri Hegitari 1), cyangwa se gukoresha undi muti wica udukoko ufite ubushobozi.

5. GUSARURA, GUHUNGIRA NO GUHUNIKA

- Iyo ubunyobwa bweze, ibibabi bihinduka umuhondo bikuma, imisogwe ikitonora.
- Kujonjora no gukuramo imisogwe itari iyo ubwo bwoko, iyamenaguritse, iyafashwe n'indwara, cyangwa irwaye.

- Kwanika imisogwe ku zuba kugeza igihe yumiye.
- Uzuza kandi wohereze uru rupapuro rwo **kumenyekanisha umusaruro**.
- Kurekera imbuto mu misogwe kugira ngo itangizwa n'ibinyugunyugu n'ibishorobwa by'ibivumvure bimwe na bimwe bitungwa n'intete.
- Kurwanya imbeba.
- Gutonora, guhungira no gupfunyika imbuto mu mashashi mbere yo kuyitanga mu bahinzi. Imifungo igomba komekwaho udupapuro twerekana ibi bikurikira: ubwoko bw'imbuto, igihe bwerera, umusaruro, ubuso ihinzweho, nomero y'umufungo, n'ibiro byabwo.

6. IGIPIMO NGENDERWAHO CY'UBUZIRANENGE

Umufungo w'ubunyobwa bufite icyemezo ugomba kuba wujuje ibipimo ngenderwaho bikurikira:

- Ubwimere bw'ubwoko butari munsi ya 98% y'igihingwa;
- Ubwimere bw'igihingwa butari munsi ya 98% y'uburemere bwose;
- Imbuto z'indobanure zishobora kumera ntizigomba kujya hasi ya 75%;
- Ubuhehere ntibugomba kuba hejuru ya 7%.

7. IBIJYANYE N'UBUKUNGU

Igiciro cy'ibikorwa *(kuri hegitari)*		**Ingano**	**Igipimo**	**Igiciro kuri buri gipimo *(FRW)***	**Igiciro cyose hamwe *(FRW)***
Abakozi		450	Umubyizi	500	225.000
Imbuto		150	Ikiro	1000	150.000
Ifumbire y'imborera		15.000	Ikiro	10	150.000
Ifumbire mvaruganda					
	NPK 17.17.17	200	Ikiro	300	60.000
Imiti ikoreshwa					
	Diméthoate	3	Litiro	6.000	18.000
	Benlate	3	Ikiro	9.000	27.000
Igiciro cyose *(FRW/Hegitare)*					**630.000**
Inyungu					
Inyungu ku mbuto *(FRW/Hegitari)*		1.300	Ikiro	500	**650.000**
Inyungu *(FRW/Hegitari)*					**20.000**
Igicuruzo *(FRW/Ikiro)*					**485**

8. ICYITONDERWA CYA NYIRUBWITE

UBUNYOBWA :Uko buhingwa

Umunsi

Guhitamo no gutegura umurima: bubanziriza ibigori cyangwa amasaka ibihingwa byabagawe)/ Butandukanywa n'ibindi na m 5. /Kurima amasinde.

Aho imbuto igurirwa: Imbuto shingiro zihungiye zigurirwa mu bigo byemewe cyangwa mu bikorera ku giti cyabo bemewe

HNG 17
05/10/06
Hegitari 3 ku Buziranenge bwemewe
N° HNG 17/04/07A
N° imenyekanisha umuhinzi

1 **Itera** : Itabira + Kunyanyagiza ifumbire y'imborera ya toni 10-20 kuri hegitari mu gihe cy'itera. gutera kuri cm 20 hagati y'imirongo, na cm 20 mu murongo, no gutera intete 2 mu mwobo (Kg 120-150 z'intete z'ubunyobwa)/ kurinda inuma n'ibyiyoni mu minsi 10-15.



21 **Kumeneyekanisha igihingwa** bitarenze ibyumweru bitatu kuva igihe cy'itera mu ishami rya RADA rishinzwe Igenzura n'Ibyemezo (BP 538 Kigali).

25 **Ibagara rya mbere**: Ibagara – isukira, uburebure bw'igihingwa ± 10 cm/ Ifumbire ya Kg 200 za NPK 17-17-17 kuri hegitari 1.

Kurwanya indwara n'ibikoko byangiza:
Kurwanya umugese : Gutera umuti wa Tilt (L 1 kuri hegitari 1) inshuro 2 cyangwa 3, cyangwa undi ukomeye wabigenewe
Kurwanya udukoko: Gutera inshuro 2 Diméthoate 40%EC (L 1,5 kuri hegitari 1) cyangwa undi muti ukomeye wagenewe kwica udukoko

45-50 **Ibagara rya kabiri**: Ibagara – isukira mbere y'irabya kugirango imisogwe yinjire mu butaka.

Irabya

Igenzura rya mbere kugira ngo hatangwe icyemezo

60 **Isohoka r'imisogwe ijya mubutaka *(gynophores)* :** Nyuma y'iminsi 60, kubagara biba birangiye

75 **Intete ziri mu misogwe zigenda zikura**

Igenzura rya kabiri kugira ngo bubone icyemezo mw'isarura

90-120 **Iyera n'Isarura** : Imisogwe y'ikigina/ Kurandura cyangwa gukoresha isuka cyangwa trident kugirango basarure ubunyobwa

Gutunganya imbuto no guhunika : Kwanika imisogwe iminsi 3-4. Uzuza kandi wohereze uru rupapuro rwo **kumenyekanisha umusaruro**. Kubutonora mbere yo kubukoresha

Gukomeza gukuramo andi moko kugeza bweze

GUSHYIRAHO ICYAPA

Umuhinzi :……
Imbuto y'ubunyobwa ifite icyemezo /Ubwoko: HNG 17
Igihe bwerera : Iminsi 120
Umusaruro : Toni 1,5 kuri Hegitari 1
Imisozi icirirtse cg. migufi
N° 05/07A / MUY/10/C
Itariki: 15/02/2007
Ibiro: 25